



Enabel 



**REPUBLIKA Y'U RWANDA IKIGO CY'IGIHUGU GISHIZWE GUTEZA
IMBERE UBUHINZI N'UBWOROZI (RAB)**



ISHURI RY'ABOROZI B'INGURUBE MU KIRARO (P- LFFS)

Monogastric Program/ 2021

IBIRIMO

IBIRIMO	1
IRIBURIRO	3
1 IBISOBANURO	4
1.1 Ishuri ry'aborozi b'ingurube mu kiraro ni iki?	4
1.2 Ibisobanuro by'amagambo akoreshwa mu ishuri ry'aborozi b'ingurube mu kiraro (P-FFS)	4
2 AMATEKA Y'ISHURI RY'ABAHINZI/ABOROZI (FFS)	6
2.2 AMATEKA Y'AMASHURI Y'ABOROZI MU RWANDA	6
2.3 Kubera iki habaho amashuri y'aborozi?	7
2.4 Igisobanuro cy'ishuri ry'aborozi b'ingurube mu kiraro	7
2.5 Ibigamijwe mu Ishuri ry'aborozi b'ingurube mu kiraro (P-FFS)	8
3 AMAHAME N'IMIKORERE Y'ITSINDA	9
3.1 Amahame y'ishuri ry'aborozi b'ingurube mu kiraro (P-FFS)	9
3.1.1 Kwigira ukora	9
3.1.2 Ibikorwa byigishwa biyobowe n'aborozi b'ingurube	10
3.1.3 Kwigira ku makosa	10
3.1.4 Kwigira ubumenyi buzabafasha kwigisha kwiigisha no kwigisha abandi	10
3.1.5 Kumenya ibibazo no kubikemura	10
3.1.6 Ikiraro cyangwa ibiraro by'Umworozi w'ingurube niryoshuri	10
3.1.7 Abafashanyumvire si abarimu ahubwo ni Abamamazabworozi	11
3.1.8 Gushyira hamwe nizo mbaraga	11
3.1.9 Buri FFS irihariye	12
3.1.10 Uko amahugurwa akorwa bikurikiza umurongo umwe	12
3.2 Imikorere y'ishuri ry'aborozi b'ingurube mu kiraro (P-FFS)	12
3.2.1 Ibintu by'ingenzi biranga uburyo bw'ishuri ry'aborozi b'ingurube mu kiraro (P-FFS)	12
3.2.2 Uko Ishuri ry'aborozi b'ingurube mu kiraro (P-FFS) riyoborwa	13
3.2.3 Ingingo ngenderwaho mu gutoranya abahugurwa cyangwa abanyetsinda	14
3.2.4 Urutonde rw'amasomo azigwa mu ishuri ry'aborozi b'ingurube mu kiraro (P-FFS)	14
3.2.5 Gahunda y'ibikorwa mu ishuri ry'aborozi b'ingurube mu kiraro (P-FFS)	14
3.2.6 Udukino nkangurabwenge	15
3.2.7 Tekiniki zikoreshwa mu ishuri ry'aborozi b'ingurube mu kiraro (P-FFS)	15
3.2.8 Ikusanyamakuru n'igihe rikorerwa mu ishuri ry'aborozi b'ingurube mu kiraro	15
3.2.8.1 Impamvu dukora ikusanyamakuru (LESA)	15
3.2.8.3 Igihe ikusanyamakuru (LESA) rikorwamo	16

4.1	Amahame yerekeranye no guhugura cyangwa kwigisha abantu bakuze binyuze muri P-FFS	18
4.2	Ibiranga abafashamyumvire	18
4.3	Itandukaniro hagati y’ubufashamyumvire no kwigisha bisanzwe	19
5.1	Ikusanyamakuru ku ngurube n’ahayikikije (LESA)	19
5 . 2	Amagerageza y’igereranya mu kiraro	20
5.3	Gufasha mu ngingo zihariye z’amasomo (ingingo zerekeye ubworozi bw’ingurube)	21
5.4	Ikurikirana n’isuzuma ryagizwemo uruhare na buri wese	22
5.5	Udukino nkanurabwenge	23
7	KUGENDERANA	26
8	GUHABWA IMPAMYABUSHOBOZI	26
9.	GUKURIKIRANA IBIKORWA BY’ISHURI RY’ABOROZI B’INGURUBE MU KIRARO (P-FFS)	26
10	GUSHYIRAHU UBURYO BWO GUHANA AMAKURU MU ISHURI RY’ABOROZI	27
	AMAZINA Y’ABAFASHAMYUMVIRE BAKURU MU BWOROZI BW’INGURUBE	28

Imirimo y'ubworozi bw'ingurube iyo ariyo yose (isuku, kugabura, kuvugurura icyororo, kuvura, n'ibindi) isaba gukora kinyamwuga umunsi ku wundi kugirango umworozi abashe kubona umusaruro mwiza. Kubera ko aborozi benshi baba badafite ubumenyi buhagije mu bworozi, biba ngombwa ko bigishwa uko imirimo y'ubworozi ikorwa. Inyigisho zishobora gukorwa hifashishijwe amahugurwa cyangwa ishuri ry'aborozi mu kiraro (IAIKI). IAIKI nikimwe mu bikoresho umworozi yifashisha mu kwikorera ubushakashatsi mu kiraro cye kugirango abashe kubona umusaruro uhagije kandi yifuza.

IAIKI rero ni uburyo umworozi akora akazi ke ariko agenda avumbura ibyo atazi buhoro buhoro, kubera iyo mpanvu urutonde rw'amasomo rugizwe n'umurongo ngenderwaho w'imyitoto yo gukorera mu matsinda aho buri mworozi wese agira uruhare mu gutanga ibitekerezo no mu bikorwa byose itsinda rigomba gukora. Ntabwo ari itegeko cyangwa se ihame ndakuka, ahubwo ni urutonde rw'imyitoto y'igihembwe cyose yo gufasha abagize itsinda kwiga bavumbura. Ibi bigamije kongera ubushobozi bw'abo borozi bwo gushishoza, gusesengura no gufata imyanzuro ndetse n'ibyemezo ku bibazo aborozi bahura nabyo buri munsi, bityo bakabasha kubona ibisubizo birambye.

Muri IAIKI, igihembwe cy'amasomo kigizwe n'ibyiciro bitandukanye ku myororere y'ingurube (kuva ikivuka kugeza ku ngurube yonsa). Ibi byongerera aborozi ubushobozi bwo gufata ibyemezo bakagira n'ubumenyi buhagije bwo kwita ku micungire rusange y'ibyana by'ingurube, ishahi, ingurube yonsa n'ingurube y'isekurume.

Iyi nteganyanyigisho kandi ifasha umufashamyumvire kugira ubumenyi kubindi bituma umusaruro ukomoka k'ubworozi bw'ingurube wiyongera mu bwinshi no mu bwiza n'akamaro kawo. Gusobanukirwa politike yo kurwanya ubukene, imirire mibi n'ubuzima bwiza biturutse k'ubworozi bw'ingurube, uko wabungabunga ubuziranenge n'ubwiza bw'umusaruro ukomoka k'ubworozi bw'ingurube, Kumenya intungamubiri dusanga mu nyama n'akamaro kabyo ku buzima bw'abantu, Gushishikariza abantu kurya ibikomoka k'ubworozi bw'ingurube aho Korora batekereza isoko gusa no gukoresha neza ibikomoka ku bworozi bw'ingurube.

1 IBISOBANURO

1.1 Ishuri ry'aborozi b'ingurube mu kiraro ni iki?

Ishuri ry'Aborozi b'ingurube mu kiraro (P-FFS) ni uburyo bw'iyamamazabworozi aho umworozi w'ingurube agira mo uruhare. Ubu buryo bwatangijwe n'Ishami ry'umuryango w'abibumbyerishinzwe ibiribwa ku isi (FAO), hakoreshwa uburyo bwo kwigisha bwagenewe abantu bakuze aho aborozi batoranyijwe bahugurirwa kuba abafashamyumvire b'amatsinda y'aborozi. Abafashamyumvire bahugurwa n'abafashamyumvire bakuru babihuguriwe. Amahugurwa abera mu kiraro hagendewe ku ihame : **Ikiraro cy'ingurube ni ishuri, ingurube ikaba mwarimu!** Mu gihe cy'amahugurwa, abafashamyumvire bakorana n'amatsinda y'aborozi babafasha kwiga bakora, bagakurikirana ingurube n'ibiryo byayo mu magerageza anyuranye akorerwa mu mukiraro cy'itsinda mu gihe cy'umwaka hagamijwe kureba ubwiyongere bw'ibiro, ubuzima bwiza bw'ingurube, imyororokere, n'ibindi. Abanyamuryango b'itsinda bakorera hamwe bakanigira hamwe mu kiraro.

1.2 Ibisobanuro by'amagambo akoreshwa mu ishuri ry'aborozi b'ingurube mu kiraro (P-FFS)

- a. **Abafashamyumvire bakuru (Master trainers):** Nibo bahugura kandi bagakurikirana abafashamyumvire. Baba bafite ubumenyi ku bworozi bw'ingurube
- b. **Abafashamyumvire (Facilitators):** Ni aborozi batoranywa mubandi borozi bagahugurwa nyuma y'amahugurwa bakabayobora abandi borozi mu bikorwabyose bijyanye n'ubworozi binyujijwe mu matsinda
- c. **Ishuri ry'aborozi mu kiraro cy'ingurube:** P-FFS: Ni ishuri ritagira inkuta aho ikiraro ari ishuri naho ingurube ikaba umwarimu
- d. **Ikiraro shuri:** Ikiraro gitoranywa mu borozi bahuriye mu itsinda kigakorerwaho amasomo ajyanye n'ikusanyamakuru ku ngurube n'ahayikikije. Kuri iki kiraro hakorerwa amagerageza atandukanye ajyanye n'ubworozi.
- e. **Ikusanyamakuru ku itungo n'aharikikije:** Bivuga igikorwa cyo kwegeranya amakuru ku itungo kubijyanye n'imikurire, ubuzima, imyororokere, imirire, bikoze n'abagize itsinda.
- f. **Udukino nkangurabwenge (group dynamic):** Ni udukino dutegurwa mu gihe cy'amasomo twifashishwa mu gusasira isomo, cyangwase dutuma abakurikira amasomo

batambirwa cyangwase ngo barangare. Utu dukino kandi dutuma abagize itsinda barushaho kumenyerana, buri wese akarushaho gusabana na mugenzi we.

- g. Udutsinda duto (Host team):** Ni udutsinda akorwa haherewe ku itsinda rinini rya P-FFS, utwo dutsinda dufasha abaturimo gukora ntawe usigaye kuko akenshi udutsinda duhana ibihe mu bikorwa binyuranye bya burigihe bikorwa mu itsinda rigari.

2 AMATEKA Y'ISHURI RY'ABAHINZI/ABOROZI (FFS)

2.1 Incamake y'amateka y'ishuri ry'abahinzi/aborozi (FFS)

Ishuri ry'Abahinzi/Aborozi ryatekerejwe bwa mbere mu mwaka wa 1989 bikoze n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku biribwa (FAO). Ryakoreshejwe bwambere mu guhugura abahinzi b'umuceri mu gihugu cya Indoneziya ku bijyanye nokurwanya ibiryi (ibyonnyi) mu buryo bukomatanye nk'imwe mu ngamba z'igihugu zo kurwanya ibiryi (ibyonnyi). Ubu buryo bwagaragaje ko ari bwiza bwakwifashishwa mu kurwanya ibiryi by'umuceri bityo bukwirakwizwa vuba mu bindi bihugu bya Aziya, Afurika, Uburasirazuba bwo hagati no muri Amerika y'epfo. Mu 1995, FFS yarenze imbibi zo kurwanya ibiryi gusa ahubwo yifashishishwa no mu bindi bijyanye n'ubworozi bw'amatungo maremare n'amagufi (harimo inka, ingurube, inkoko, ..), kandi yifashishwa no mu bijyanye n'imibereho n'ibidukikije.

FFS yagejejwe muri Kenya muri 1995 iri kumwe na gahunda idasanzwe y'imirire. icyo gihe, bikoze na FAO, FFS enye (4) zashyizweho ku buhinzi bw'ibigori. Kuva icyo gihe umubare wagiye wiyongera ugera kuri 2500 mu gihugu cya Kenya.

Muri 2001, ikigo gikora ubushakashatsi ku bworozi (ILRI), gifatiye kuri FFS cyatangije uburyo bwakwifashishwa no mu bworozi (IAIKI) ku nkunga ya Gahunda y'ubuzima bw'Ingurube (AHP) y'ikigo cy'abongereza gitsura amajyambere (DFID) na FAO. Ubworozi buciriritse bw'inka zikamwa n'ubworozi buvanze bwo ku gasozi byafashwe nk'ibyo kwigaho hashingiye kurusobe rwabyo no kuba amakuru abyerekeyeho aboneka biturutse ku bushakashatsi bwakozwe mbere na ILRI n'abafatanyabikorwa bayo.

2.2 AMATEKA Y'AMASHURI Y'ABOROZI MU RWANDA

Amashuri y'ubworozi mu Rwanda yatangiye mu mwaka wa 2013 ku bworozi bw'inka z'umukamo kungunga ya BTC-Belgium, 2017 akorwa ku nkunga ya RDDP aho amatsinda arenga 1500 amaze gushingwa mu turere 12 umushinga ukoreramo abumbiweho aborozi ibihumbi 50,000 b'inka z'umukamo. Kugeza ubu hari Abahashamyumvire mu bworozi bw'inka z'umukamo barenga 600 n'abafashamyumvire bakuru 32 bakurikirana ayo matsinda. Ishuri ry'aborozi b'ingurube kimwe n'amashuri y'aborozi b'inkoko ni mashya mu Rwanda.

2.3 Kubera iki habaho amashuri y'aborozi?

Iyamamazabworozi kuva cyera ryagiye rigaragazwa n'ibigo by'ubushakashatsi nk'inzira yo kugeza ku borozi ibyavuye mu bushakashatsi ibyo bigo bikora. Gusa ubu buryo bwagaragaye nk'ubudahagije igihe Umworozi ari mu bihe by'inzitane igihe bagomba kugendana n'imihindagurikire mu kurinda indwara amatungo (inka, ingurube, inkoko), gucunga neza, ubuzima bw'amatungo ndetse n'umusaruro wayo.

Gahunda z'iyamamazabworozi zitangwa ziturutse mu nzego zo hejuru akenshi zagiye zigaragara nk'izitumvikana byihuse ku borozi, kandi akenshi zidahuye n'ibyo abagenerwabikorwa bifuza. Abakozi bashinzwe iyamamazabworozi basanze aborozi batagira uruhare ruhagije mu gusesengura ibibazo, guhitamo no kugerageza amahirweahari ndetse no kureba ibisubizo bishoboka.

Nyuma y'uko Leta ihagaritse gutera inkunga ubworozi bw'ingurube bwa gakondo byagaragaye ko hari ubundi buryo bwari bukenewe ngo hamenyekane ibibazo aborozi bahura nabyo no gukwirakwiza ikoranabuhanga nyaryo. Ni muri urworwego hatekerejwe ubu buryo bw'amashuri y'aborozi mu kiraro (IAIKI). Uburyo bw'amashuri y'aborozi aho butandukaniye n'ubundi ni uko buha ubushobozi aborozi n'amatsinda yabo gusesengura uburyo ubworozi bw'ingurube bukorwa, kumenya ibyibanze bibabangamiye no kugerageza ibisubizo bishoboka. Mu gihe aborozi bakongera ubumenyi bwabo ku makuru babona bituma bamenya kandi bagahitamo imikorere nyayo n'ikoranabuhanga mu byo bakora bityo bagakenera kubona umusaruro mwiza, utanga inyungu kandi bishakira ibisubizo ku bibazo bahura nabyo mu bworozi.

2.4 Igisobanuro cy'ishuri ry'aborozi b'ingurube mu kiraro

P-FFS ni uburyo bw'amahugurwa bushingiye ku buryo bwo kwigisha abakuze hifashishijwe amatsinda y'aborozi. Mu yandi magambo ni ishuri ritagira inkuta aho aborozi biga bitegereza kandi banakora amagerageza mu biraro by'ingurube zabo. Ibi bibafasha kongera

ubumenyi mu micungire y'ibikorwa byabo kandi bakongera ubumenyi mu bikorwa bikorera ubwabo.

Aborozi bashishikarizwa kwifatira ibyemezo mu bikorwa byabo aho bakoresha uburyo basanganwe bakabugereranya n'uburyo bushya. Mu busanzwe Ishuri ry'aborozi b'ingurube mu kiraro riba rigizwe n'amatsinda y'abantu bari hagati ya 25 na 30 buri tsinda, bahura mu buryo buhoraho mu gihe gikwiye bagamije kwemeza icyakorwa bafashijwe n'abafashamyumvire. Ibyemezo bifatwa nyuma yaburi nama ku bikorwa bigomba gukorwa. Nyuma y'amahugurwa aborozi bakomeza guhura bagahanahana amakuru mu gihe umufashamyumvire batamubona kenshi.

Ishuri ry'aborozi b'ingurube mu kiraro rigamije kuzamura ubushobozi bw'aborozi mu kugerageza ikoranabuhanga rishya mu biraro by'ingurube zabo kandi bagasuzuma umusaruro no kubihuza n'ibihe. Aborozi baganira n'abashakashatsi n'abashinzwe iyamamazabworozi hakurikijwe ibikenewe bagasaba ubufasha gusa mu gihe badashoboye kwikemurira bonyine ibibazo. Nk'uburyo bw'iyamamazabworozi, ni uburyo buhora buvugururwa bushyirwa mu bikorwa, busuzumwa kandi bw'aborozi. Ubu buryo bufasha aborozi guhindura ibyo babona mu kugira imyumvire myiza ku myororere yabo.

Mu rwego rwo korohereza abagize itsinda mu kugerageza bumwe mu buryo no kwiyeze ingaruka mu kugerageza uburyo bushya bw'imikorere, inkunga cyangwa inguzanyo zikunze gutangwa n'abaterankunga. Kuba inkunga ari iyabo bwite kandi icungwa gusa n'abagize itsinda bifasha itsinda kubona amakuru n'ibikoresho bikenewe igihe babikeneye.

2.5 Ibigamijwe mu Ishuri ry'aborozi b'ingurube mu kiraro (P-FFS)

P-FFS ntigamije ikoranabuhanga ahubwo igamije iterambere ry'aborozi b'ingurube. Ishyira hamwe aborozi kugirango bige ibibazo bibugarije kandi banarebere hamwe uko babyivanamo. By'umwihariko mu ngurube igamije ibi bikurikira:

- Guha ubushobozi aborozi b'ingurube mu bwenge no mu bumenyi kugira ngo bongere ubumenyi mu bworozi bwabo;

- Kongerera ubushobozi aborozi b'ingurube mu gufata ibyemezo bikwiye byatuma ibyo bakora byunguka kandi biramba;
- Kwigisha aborozi b'ingurube uburyo bushya bwo gutekereza no gukemura ibibazo;
- Gufasha aborozi b'ingurube uko bakwishyira hamwe;
- Kongera ubusabane mu borozi b'ingurube, abamamazabworozi n' abashakashatsi bituma bakoreramye hamwe mu kugerageza, kwiga no kwigana uburyo butandukanye mu miterere y'ahantu yihariye.

3 AMAHAME N'IMIKORERE Y'ITSINDA

3.1 Amahame y'ishuri ry'aborozi b'ingurube mu kiraro (P-FFS)

N.B: LFFS yose igendera ku mahame icumi (10).

3.1.1 Kwiga ukora

Abantu bakuru ntibahindura imyumvire n'imikorere yabo kubera ko gusa hari uwababwiye icyo bakora cyangwa uko bahindura. Biga neza iyo bakora kuruta kumva ibyo bigishwa cyangwa berekwa. Kwiga bishingiye ku buvumbuzi ni igice kinini kigize PFFS kuko bifasha abahugurwa kumva ko ibikorwa ari ibyabo kandi bikabaha icyizere ko nabo bashobora kubyikorera mu mirimo yabo (m'ubuhinzi cyangwase mu bworozi). Baravugaga ngo *“iyo numvise ndibagirwa, iyo mbonye ndibuka, ariko iyo nkoze byinjira mu buzima bwanjye”*.

3.1.2 Ibikorwa byigishwa biyobowe n’aborozi b’ingurube

Aborozi b’ingurube nibo bihitiramo ibibakwiye n’ibyo bifuza ko P-FFS ibafasha. Si umufashamyumvire. Ibi bihamya ko amakuru bageraho ariyo kandi ahuye neza n’ibyo bakeneye nyabyo. Umufashamyumvire afasha gusa mu kuyobora abahugurwa binyuze mu nzira z’imyigire yabo binyuze mu guhimba imyitoto bahuriyeho ituma abahugurwa bagira inararibonye rishya.

3.1.3 Kwigira ku makosa

Impinduka mu myumvire zisaba igihe no kwihangana. Kwiga ni uburyo bwo kwiyingura burangwa no kuganira ku bwisanzure kandi bufunguye, guhangana (kuja impaka) mu bitekerezo, kwemera, kubaha n’uburenganzira ku gukora amakosa. Iki cya nyuma ni ingenzi cyane kuko byagaragaye ko byinshi byigirwa ku makosa kuruta ku ntsinzi. Ubunararibonye bwa buri umwe ku bijyanye n’uko ibintu byifashe buba bwihariye.

3.1.4 Kwiga ubumenyi buzabafasha kwigisha kwiyigisha no kwigisha abandi

Aborozi biga ubumenyi bw’ingenzi bubafasha kunoza ubushobozi bwabo mu kwitegereza no kwiga ibibazo byabo hamwe no gufata ibyemezo bikwiye. Biga kandi uko bakwiyigisha n’uko bakwiteza imbere kurushaho.

3.1.5 Kumenya ibibazo no kubikemura

Ibibazo bigaragara nk’imbogamizi ntabwo ari inzitizi. Amatsinda y’aborozi cyangwa aborozi biga uburyo butandukanye bwo gusesengura bubafasha kugira ubushobozi bwo kumenya no gukemura ikibazo cyose bahura nacyo mu bwozi bwabo (mukiraro).

3.1.6 Ikiraro cyangwa ibiraro by’Umworozi w’ingurube niryo shuri

Ikiraro (mu bworozi) ni igikoresho cyiza cyo kwigisha. Niho ibikorwa byose by’ubworozi bw’ingurube bibera. Ku byerekeye ubworozi, ikiraro nicyo gikoresho cyo kwigisha. Aborozi b’ingurube bigira ku byo bareba, umusaruro babona mu bworozi, amafoto cyangwa izindi mfashanyigisho zikoreshwa mu iyamamaza bworozi. Aborozi kandi bikorera izabo mfashanyigisho

(Ibishushanyo) bifashishije ibyo bareba. Akamaro kizi mfashanyigisho ni uko ziyanye cyane n'imiterere y'ahantu, kuzikora ntibihenze kandi ziba ari iz'abagize itsinda.

3.1.7 Abafashamyumvire si abarimu ahubwo ni Abamamazabworozi

Abamamazabworozi bitwa **abafashamyumvire** kuko akamaro kabo ni ukuyobora inzira y'imyigire si ukwigisha. Umufashamyumvire agira uruhare mu biganirwa kandi aba agamije kugera ku bwumvikane ku gikorwa gikwiye gukorwa. Abafashamyumvire bahugurwa mu buryo bw'amahugurwa yagenewe abafashamyumvire, amasomo agize ayo mahugurwa agategurwa n'abafashamyumvire bakuru babifitemo uburambe.

Abashakashatsi cyangwa inzobere mu masomo yihariye batumirwa mu gutanga inyunganizi ku buryo na tekini byafasha kandi bakiga gukora mu bufatanye no kugisha inama aborozi cyangwa aborozi.

3.1.8 Gushyira hamwe nizo mbaraga

Imbaraga zituruka mu gukorera hamwe ni ngombwa. Aborozi bashyize hamwe bagira imbaraga kuruta umwe umwe. Ikindi ni uko iyo umunyamuryango w'itsinda agaragara nk'umunyamurava mu itsinda, uruhare rw'abantu aho batuye ruriyongera. Guhuriza hamwe imitwe ibiri cyangwa myinshi bitanga umusaruro mwiza kurusha umwe umwe. Muri ibi babigaragarisha kuvuga ko **1+1=3** bivuze ko **"igitekerezo cy'umwe iyo hiyongereyeho icy'undibibyara ikindi gitekerezo cya gatatu"**.



3.1.9 Buri FFS irihariye.

Ingingo zigishwaho muri PFFS zikwiye kuba ari abari mu mahugurwa bazitoranyije. Ibikorwa by'amahugurwa bigomba gushingira ku byuho biri mu bwenge n'ubumenyi bw'aborozi kandi zikagendera ku bushobozi bwo kumva bafite. Buri tsinda ririhariye kandi rifite ibyo rikeneye ku buryo bwihariye. Nk'uko buri tsinda ryitegurira ingingo z'amasomo riziga, buri tsinda ritandukanye n'irindi.

3.1.10 Uko amahugurwa akorwa bikurikiza umurongo umwe

P-FFS zose zikurikiza umurongo umwe w'amahugurwa. Intambwe z'ingenzi ni ukwitegereza, gusesengura, gufata ibyemezo no gutegura ibikorwa. Ubunararibonye bwa FFS zabanje bwagaragaje ko *umusaruro mwiza w'amahugurwa uboneka iyo habaho inama za buri cyumweru*. Iyo haciyemo igihe kinini nta mahugurwa bishobora kudindiza gahunda y'amahugurwa. Igihe imara giterwa n'igikorwa nyamukuru igamije. Mu bworozi bisaba igihe cy'umwaka kugira ngo ibihe bitandukanye by'umwaka byigweho. Ubworozi bw'ingurube bufata igihe kiva mu gutegura ikiraro kugeza ubwo umusaruro uboneka. P-FFS kandi ireba no kubijyanye n'isoko ry'umusaruro ndetse no kuwongerera agaciro ari nabyo bishobora gutuma imara igihe kirekire.

3.2 Imikorere y'ishuri ry'aborozi b'ingurube mu kiraro (P-FFS)

3.2.1 Ibintu by'ingenzi biranga uburyo bw'ishuri ry'aborozi b'ingurube mu kiraro (P-FFS)

a. Ikiraro shuri:

- P-FFS Ivuga kwiga unakora;
- Muri P - F F S ikiraro cy'ingurube ni ishuri;
- Ingurube ni mwarimu;
- Mu kiraro niho usanga ibyigirwaho: isuku y'ikirari, amazi, ibiryo, ibiryo, n'ibindi;
- Ikiraro kiduha ibigomba kwigwa n'igihe bigomba kwigirwa;
- Nibura 75% by'imirimo ikorwa muri P-FFS ikorerwa mu kiraro.

b. Itsinda:

- Itsinda ry'aborozi bafite intego imwe;
- Rigizwe n'ibitsina byombi (Abagore n'abagabo);
- Aborozi bari mu kigero cy'imyaka gitandukanye;
- Itsinda rigizwe n'aborozi bari hagati ya 25 na 30;
- Ntirishingiye ku masano yo mu muryango cyangwa ku myemerere y'idini;
- Bitabira ku bushake

c. Umufashamyumvire:

- Umufashamyumvire agomba kuba asobanukiwe;
- Agomba kuba yarabonye amahugurwa y'ibanze;
- Agomba kubaha abandi n'ibitekerezo byabo;
- Agomba kuba azi kugenzura igihe;
- Agomba gukurikirana neza itsinda;

d. Porogaramu:

- Igomba kuba ifasha abafashamyumvire;
- Igomba kuba ijyanye n'ibikorwa bya P-FFS;
- Guhuza n'intego za ENABEL;
- Kuba ifasha mu gukurikirana no kugenzura ibikorwa.

e. Integanyanyigisho

- Igomba gukurikirana uruhererekane rw'amasomo;
- Igomba kuba yubakitse ku buryo bwumvikana.

3.2.2 Uko Ishuri ry'aborozi b'ingurube mu kiraro (P-FFS) riyoborwa

Abagize isinda batora komite y'itsinda igizwe n'aba bakurikira:

- Perezida;
- Visi perezida;

- Umwanditsi;
- Ushinzwe morali;
- Umunyamakuru;
- Ushinzwe imyitwarire;
- Ushinzwe imibereho myiza;
- Umugenzuzi wa 1;
- Umugenzuzi wa 2.

3.2.3 Ingingo ngenderwaho mu gutoranya abahugurwa cyangwa abanyetsinda

- Kuba yorora ingurube;
- Kwiyezeza gukurikirana amahugurwa n'ibindi byose birebana nayo;
- Kwiyezeza gukurikiza amategeko y'itsinda;
- Kuba atuye mu mudugudu urimo itsinda cg undi mudugudu bituranye;
- Ufite ubushake bwo gusangira inararibonye n'abandi borozi;
- Ufite ubushake bwo gufatanya n'abandi mu gushaka ibikoresho by'ishuri;
- Ufite ubushake bwo guteza imbere ubworozi bw'ingurube.

3.2.4 Urutonde rw'amasomo azigwa mu ishuri ry'aborozi b'ingurube mu kiraro (P-FFS)

- Kugaragaza urutonde rw'ibikorwa uko bizakurikirana mu mwaka wose w'ubworozi (kuva ku kibwana kugeza ku kibwana cy'ingurube);
- Rutegurirwa hamwe;
- Uru rutonde rw'amasomo na none rushobora kugaragaramo andi masomo y'ubuzima rusange y'ingenzi nk'imirire myiza, kurwanya Sida, Ubwisungane mu kwivuza (mitiweri)....
- Rugaragaza n'udukinonkangurabwenge.

3.2.5 Gahunda y'ibikorwa mu ishuri ry'aborozi b'ingurube mu kiraro (P-FFS)

- Igomba kuba ifasha abafashamyumvire;
- Igomba kuba ijyanye n'ibikorwa bya PLFFS;
- Guhuza na ENABEL;

- Kuba ifasha mu gukurikirana no kugenzura ibikorwa.

3.2.6 Udukino nkangurabwenge

Kuki hakinwa udukino nkangurabwenge?

- Kuzana umwuka mwiza mu itsinda;
- Kuzana imibanire myiza no kwizerana;
- Gusasira isomo rishya;
- Kuruhura mu mutwe.

3.2.7 Tekiniki zikoreshwa mu ishuri ry'aborozi b'ingurube mu kiraro (P-FFS)

Muri P-FFS hakoresha uburyo bw'ikusanyamakuru ku itungo n'aharikikije *“Livestock EcoSystem Analysis” (LESA)*, hakarebwa ibintu binyuranye birimo imikurire, indwara, imirire,...

3.2.8 Ikusanyamakuru n'igihe rikorerwa mu ishuri ry'aborozi b'ingurube mu kiraro

3.2.8.1 Impamvu dukora ikusanyamakuru (LESA)

Hakorwa LESA kubera impamvu zikurikira:

- Gushishikariza aborozi kuvumbura;
- Gushishikariza aborozi kugira ubusesenguzi bwimbitse;
- Gushishikariza aborozi kwifatira imyanzuro inoze bitewe n'ibibazo bigaragara ku ingurube no mu kiraro;
- Gushushanya no gusobanukirwa ibice bigize ingurube n'akamaro ka buri gice;
- Kumenyereza aborozi kugaragaza imimerere y'ikiraro.

3.2.8.2 Uko ikusanyamakuru (LESA) rikorwa

- Aborozi bitegereza mu buryo bwimbitse ingurube;
- Bapima imikurire y'ingurube, bakanatahura ibiryi, n'ibindi byose bigaragara;
- Bashushanya ingurube bakanandika ibyo babonye;
- Bagaragaza mu ruhamo ibyavuye muri LESA no kubiganiraho.

3.2.8.3 Igihe ikusanyamakuru (LESA) rikorwamo

Buri gihe cyose aborozi bahuriye ku kiraro. Ni ukuvuga ko akenshi ikorwa incuro imwe mu cyumweru. Bikaba bisobanura ko Ikusanyamakuru ku ngurube naho iri rikorwa uko itsinda ry'aborozi riteraniye ku kiraro.

N.B: Urugero rw'ikusanyamakuru

A. Ikusanyamakuru ku mikurire y'ingurube nkuru n'aho iri

Ikusanyamakuru numero 1		
Amakuru y'ibanze	Amakuru ku kirere n'uburumbuke	
Isomo: Iherena : Igitsina: Ubwoko: Igihe yavukiye: Ubwoko bw'imiti y'inzoka Igihe baheruka gutanga imiti y'inzoka:	Itariki yarebeweho: Ikirere: Ibiro by'ingurube : Ingano y'ibiro yariye ku muni Ubwoko bwa consentere : Igipimo cy'ubushyuhe : Ibirebana no guhaka :	
Inshuti z'aborozi <i>Shushanya ushyireho utwambi tugaragaza aho ziri.</i> <i>Uvuge n'umubare watwo</i>	Igishushanyo cy'ingurube	Udusimba twangiza itungo : ibibugu uburondwe amasazi Indwara: Uko yavuye n'umuti wakoreshejwe
Ibyagaragaye muri rusange		Icyakorwa kugirango bikosoke

B. Ikusanyamakuru ku myororere y'icyana cy'ingurube n'aho kiri

Ikusanyamakuru numero 1		
Amakuru y'ibanze		Amakuru ku kirere n'uburumbuke
Isomo: Iherena: Igitsina: Ubwoko: Igihe yavukiye Ubwoko bw'imiti y'inzoka Igihe baheruka gutanga imiti y'inzoka Igihe cyo gutera umuti :		Itariki yarebeweho: Ikirere Ibiro by'ingurube Ingano y'ibiryo yariye ku munsu Ubwoko bwa consentere: Ingano yagabuwe Umukamo Igipimo cy'ubushyuhe (Temperature)
Inshuti z'aborozi <i>Shushanya ushyireho utwambi tugaragaza aho ziri.</i> Inyoni – Inyange zirya uburondwe zibukuye ku matungoBirds	Igishushanyo cy'ingurube	Udusimba twangiza ingurube Ibibugu= Uburondwe = Amasazi asanzwe Ibyuririzi byo mu mubiri: Indwara Uko yavuye n'umuti wakoreshejwe:
Ibyagaragaye muri rusange	Icyakorwa kugirango bikosoke	
Ibirebana no kugabura (Kurya no kunywa) Ibiro Uko igaragara inyuma ku bice binyuranye		

4 INGINGO ZINYURANYE ZEREKERANYE NO GUHUGURA

4.1 Amahame yerekeranye no guhugura cyangwa kwigisha abantu bakuze binyuze muri P-FFS

Imyigire y'abakuze igomba kuzirikana ko:

- Abakuze bari mu myaka itandukanye, barangwa no kugira ubumenyi n'inararibonye bitandukanye, bigatanga umusaruro mu itsinda;
- Bitabira igikorwa kugirango basangire ubumenyi;
- Biga bagendeye ku bikenewe;
- Abakuze ntibemera vuba impinduka nk'abato;
- Abakuze bagira ishyaka, kandi bagira intego.

4.2 Ibiranga abafashamyumvire

Umufashamyumvire mwiza agomba kuba:

- Asobanukiwe neza ibijyanye n'imyigire y'abakuze;
- Akangura amatsiko;
- Aha umwanya abandi;
- Ariyizera, aravuga rikijyana kandi areba abo abwira;
- Agomba kuba asobanukiwe neza n'ibyo yigisha;
- Yubahiriza igihe;
- Ntabogama;
- Yubaha ibitekerezo by'abandi;
- Ntahorana umushiha;
- Yambara bikwiye;
- Yitwara neza.

4.3 Itandukaniro hagati y'ubufashamyumvire no kwigisha bisanzwe

	Amasomo yo muri P-LFFS	Amahugurwa asanzwe
Uburyo	Kwiga ukora	Kumva ibyavuye mu bushakashatsi
Ahantu	Mu kiraro no ku kiraro	Muri Sale cyangwa mu ishuri
Igihe	Igihe cy'ibikorwa (Saison) byibuze abantu bahura inshuro 1 buri cyumweru	Inshuro 1 cyangwa 2
Abashinzwe iyamamaza bworozi	Abafashamyumvire bamarana igihe n'aborozi mu gihe cy'amahugurwa no kubakurikirana mu gihe cy'ibikorwa by'ubworozi	Abakozi babifitiye ubumenyi
Icyo ugomba kuba wujuje ngo witabire amahugurwa	Kuba afite ubushake	Kuba afite ubumenyi bwa ngombwa akenshi aba yarakuye mu ishuri.
Porogaramu (Program)	Ikorwa hagendewe ku kubyavuye mu borozi	Ikorerwa mu biro
Gusuzuma ubumenyi n'ishyirwa mu bikorwa	Bikorwa ku bufatanye n'aborozi kandi guhitamo bikaba ibyabo	Bikorerwa mu biro kandi bagategukwa gushyira mu bikorwa

5 IMIRIMO Y'INGENZI IRANGA ISHURI RY'ABOROZI B'INGURUBE MU KIRARO (P-FFS)

Hari imirimo itanu y'ingenzi isubirwamo kuri buri cyiciro cy'amahugurwa ituma hatangwa umurongo w'imikorere y'ishuri ry'aborozi mu kiraro, ariyo: LESA, amagerageza y'igereranya mu kiraro, Ingingo zigwaho ku munsu (ingingo zihariye), Ikurikirana n'isesengura rihuriweho n'imikino nkangurabwenge.

5.1 Ikusanyamakuru ku ngurube n'ahayikikije (LESA)

LESA ni ifatizo ry'ishuri ry'aborozi b'ingurube kandi ishingiyeye ku ihame ry'urusobekerane rw'ibintu aho buri kantu mu kiraro gafite uruhare rumwe kihariye konyine. Igizwe no kwitegereza mu kiraro, gufata amakuru yose mu ikiraro no gutanga inama. Binyuze mu isuzuma rihoraho ry'ubworozi bukorwa, igikorwa cya LESA gifasha gushyiraho uburyo

ingurube n'ibiyikikije byuzuzanya cyangwa bibangamirana kimwe n'ibindi bintu byaba ibifite ubuzima cyangwa bitabufite.

Gukora LESA byongera ubumenyi mu gufata ibyemezo mu buryo bukurikira:

- Kuzamura ubumenyi mu kwitegereza;
- Guteza imbere ubumenyi mu kubika amakuru hifashishijwe ibishushanyo byoroshye;
- Gutuma habaho kungurana ibitekerezo no gusangira ubunararibonye Umworozi w'ingurube cyangwa umworozi ku wundi;
- Guteza imbere ubumenyi bwo gusobanurira abandi ibyo wabonye mu rwego rwo kuzamura ibyemezo bihuriweho.



Umwe mu bagize itsinda yereka abandi ibyo agatsinda gato abamo kabonye kugira ngo haze gufatirwa hamwe ibyemezo.

5 . 2 Amagerageza y'igereranya mu kiraro

Amagerageza y'igereranya mu kiraro azwi nk'iterambere ry'ikoranabuhangaburi wese yagizemo uruhare. Ni uburyo bw'ikusanya ry'amakuru yifashishwa mu gukemura ibibazo. Amagerageza yoroshye akorwa kugira ngo yongerere abagize itsinda ubumenyi mu kwitegereza no gusuzuma byimbitse impamvu n'ingaruka ku bibazo nyamukuru by'umusaruro. Afasha aborozi kuba inzobere no kuba bakwishyiriraho amagerageza yoroshye kandi ashoboka ngo basuzume kandi bahitemo ibisubizo bikwiye ku bibazo byabo.

Amagerageza kandi atera akanyabugabo mu kwemeza no gushyira mu bikorwa ikoranabuhanga cyangwa imikorere mishya. Muri ubu buryo amagerageza agereranya *uburyo busanzwe bukoreshwa n'ubundi buryo butandukanye bwerekanywe n'umufashamyumvire, umushakashatsi cyangwa undi mworozu*. Mu gusuzuma ibyavuye mu magerageza yakozwe no kongera ubumenyi mu kubika neza amakuru, abagize itsinda baba bashobora gufata icyemezo ku buryo bukwiye cyangwa ikoranabuhanga nyaryo rijyanye n'imiterere y'aho bakorera. Buri gerageza rigomba kubamo *isesengura ry'igishoro n'inyungu hakoreshejwe amakuru yavuye muri LESA*. Kwiga ku nyungu ya buri buryo bwakoreshejwe byongeraga ubumenyi mu gufata icyemezo ku buzima bw'ingurube no ku bikorwa byongeraga umusaruro cyane ko akenshi aborozi cyangwa aborozi batamenya niba bungutse cyangwa bahombye.

Abagize itsinda bamenya neza kubara ibyo bashoye kugira ngo babone urugero runaka rw'ibyo basaruye. Urugero ni nko kumenya ibyo ukeneye ngo ingurube yawe yiyongereho umubare w'ibiro wifuza. Uretse kubika amakuru no gusuzuma ibyashowe n'inyungu ku buryo bwageragejwe, ibindi birango byafasha kwemeza ibyavuye mu magerageza byagombye kugaragazwa n'abagize itsinda rya P LFFS. Urugero ni abakozi bakenewe, indeshyamba n'umuvuduko w'ubukure, uburyo bigerwaho,...). Uburyo busobanutse bwo gufata amakuru ku birango birakenewe mu gukurikirana no gusuzuma uko ikoranabuhanga cyangwa imikorere runaka yitwaye.

5.3 Gufasha mu ingingo zihariye z'amasomo (ingingo zerekanye ubworozi bw'ingurube)

Ni ubwo abantu bakuru biga neza mu buryo bwo kwiga ukora aho ubumenyi bushya buhanze n'ubunararibonye, ubumenyi bw'ibanze muri tekinike zimwe na zimwe buha bukenewe cyane mbere y'ibindi bikorwa. Ndetse hari ibikorwa bimwe na bimwe bisaba kwitondera cyane biramutse bikozwe hadakurikijwe ubuzobere nyabwo n'amakuru ahagije kuri byo nk'uko bikunda kugenda mu buzima bw'ingurube. Ingingo yihariye cyangwa ingingo y'umunsi ikoreshwa kugira ngo isobanure amakuru kuri tekinike nshyashya.

Impamvu z'ingingo zihariye ni:

- Gutanga amahirwe ku mufashamyumvire, umushakashatsi cyangwa inzobere gutanga isomo ku bikenewe kugira ngo icyigwa kize kumvikana neza mbere y’uko hagira igikorwa gikorwa;
- Kuzamura ubumenyi mu bya tekhnike bw’abagize itsinda no kubagezaho ibyo bakeneye mu gihe babikeneye (Ibi bikorwa no ku bindi bitari ingurube);
- Guhamya ko ibyo abahugurwa bahugurwamo ari ibyo bisabiye koko kandi bakeneye;
- Kureshyeshya ubumenyi mu bahugurwa nti hagire abaza gusigara batumvise.

Abagize itsinda bashobora kuba bafite ibindi bifuza bibabangamiye bityo bakifuza kubigiraho ikiganiro. Urugero ni nka *Sida, Ibigo by’imari iciriritse, ubusumbane hagati y’umugabo n’umugore*, n’ibindi.

Igihe umufashamyumvire adafite ubuzobere bwihariye ku kintu runaka, abahanga bandi, inzobere cyangwa abandi bahinzi cyangwa aborozi bashobora gutumirwa bakayobora ikiganiro. . Uruhare rw’umufashamyumvire ni ugutangira isomo runaka mu gihe nyacyo kandi gikwiye kibereye abahugurwa.

5.4 Ikurikirana n’isuzuma ryagizwemo uruhare na buri wese

Ikurikirana n’isuzuma ni uburyo bwo kwagura imitegurire ya gahunda buri wese yagizemo uruhare byakozwe n’abagize itsinda mu ntangiriro z’amahugurwa ya P-FFS. Mu kubishyira mu bikorwa, abagize itsinda hamwe n’umufashamyumvire bagomba guhora basuzuma niba hari impinduka nziza bageraho cyangwa niba bagera ku ntego bihaye. Uburyo bwo gusuzuma no gukurikirana bwashyizweho ngo bufashe abafite aho bahuriye n’ubworozi bw’ingurube (ahanini ni abakozi b’imishinga, abafashamyumvire n’abagize itsinda) kwitegereza no gusesengura ibibazo n’imigendekere y’ibyo bakora bityo bikabafasha kumva neza ibyo babona. Hashingiwe ku ireme ry’uruhare rwa buri wese riranga ikurikirana n’isuzuma rigomba no gukurikiza ihame ry’uruhare rwa buri wese.

Ikurikirana n’isuzuma rigamije:

- Gukurikirana no gusuzuma imyitwarire y’itsinda no kureba niba rigera ku nshingano ryihaye zihariye;
- Gukurikirana no gusuzuma ibyiciro byihariye by’aborozi mu rwego rwo kwisuzuma ubwabo;
- Gukurikirana no gusuzuma ibiraro by’igerageza rigamije igereranya.

5.5 Udukino nkanurabwenge

Udukino nkangurabwenge dukoresheya kugira ngo habeho umwuka mwiza wo kwigiramo, gufasha mu myigire no guha umwanya gutekereza no gusangira ibitekerezo. Binongera ubushobozi bw'abagize itsinda mu kuvugira mu ruhame, gukemura ibibazo no kwiungura ubumenyi mu bijyanye no kuyobora.

Akamaro k'udukino nkangurabwenge ni:

- Kuruhura abahugurwa;
- Kuzamura uruhare rwa buri wese;
- Guha imbaraga amasomo yigishijwe;
- Gukomeza gukorera hamwe kw'itsinda no gusabana;
- Gufasha mu gukemura amakimbirane.

Imbonerahamwe y'ibikorwa by'ishuri ry'Aborozi mu kiraro cy'ingurube

Isaha	Igikorwa	Intego	Ushinzwe igikorwa
8.00–8.10	Gufungura, Guhamagara no gutanga inshamake y'ibyizwe ubuheruka, ihererekanyabubasha hagati y'udutsinda duto	Kwandika amazina no gusubiramo ibyatambutse umunsi ushize	Itsinda rito
8.10–9.00	Ikusanyamakuru ku itungo n'aborozi	Gukurikirana uko ingurube cyangwa ingurube kimeze hafatwa amakuru	Bose
9.00–10.00	Kugaragaza ibyavuye mu ikusanyamakuru no gufata ibyemezo	Gusuzuma no gutangaza ibyagezweho mu matsinda yose kugirango hafatwe umwanzuro w'icyakorwa	Umufashamyumvire n'itisinda rito
10.00–10.30	Imikino nkangura bwege	- Kongerera imbaraga itsinda - Kongera ubwitabire mu itsinda - Kongera ubumenyi (Kwinjizamo isomo ry'umwihariko) - Kongera ibikorwa mu itsinda, etc.	Umufashamyumvire n'itisinda rito
10.30–11.30	Isomo ry'umwihariko	Gutuma baganira kandi bakiga isomo ry'umwihariko kugirango bagire icyo bunguka	Umufashamyumvire
11.30–11.40	Kureberahamwe ibyagezweho	Gusuzuma ibyo itsinda ryagezeho	Umufashamyumviren'itsinda

	muri uwo muni		rito
11.40-11.50	Kumvikana kuri gahunda y'umukoro ndetse na guhunda y'umunsi ukurikiyeho	Gutegura imirimo ishobora gukorwa mbere y'isomo rikurikira bitajyaye n'ibikorwa biteganyijwe.	Abagize itsinda bose
11.50-12.00	Guhamagara Amatangazo	Kugaragaza abasibye hamwe n'abakerewe	Itsinda rito

6. IMINSI YO KUJYA KU KIRARO

Iminsi yo kujya ku kiraro iha amahirwe abatabashije kuza mu ishuri ry'aborozi mu ikiraro kunguka ubumenyi abitabiriye ayo mahugurwa bungukiyemo, icyiyongeyeho, biha amahirwe abagize ishuri ry'aborozi, mu kiraro amahirwe yo gutanga no gusangiraubunararibonye. Urugero: ibyagezweho mu igerageza n'ibikorwanguro, birimo udukino nkangurabwenge. Iminsi yo kujya mu kiraro cyangwa mukiraro ituma P-FFS ifata kandi ikamenyekana mu baturage, muri leta n'indi miryango itari iya leta iri muri ako gace, bitanga ubufasha kandi bagasabana nabo.

7 KUGENDERANA

Kugenderana ni kimwe mu byifashishwa mu kwiga ku bindi ibigo by'ubworozi bw'ingurube cyangwa ku borozi ntangarugero. Bitera umwete abagize itsinda rya P-FFS mu kugereranya ibikorwa by'andi matsinda n'ibyo kandi bagahererekanya uburyo bugezweho bagarageje.

8 GUHABWA IMPAMYABUSHOBOZI

Umworozi witabiriye ishuri kukigero cya 75% ahabwa impamyabushobozi ku gikorwa yakoze neza kandi yarangije mu gihe yateranaga. Igihe cyo guhabwa impamyabushobozi gitegurwa n'aborozi n'abafashamyumvire kandi bakabikora kumugaragaro, bagatumira abayobozi mu buyobozi bwite bwa leta ndetse bagatumira n'abashyitsi bandi. Abitabiriye amahugurwa bahabwa icyemezo n'abateguye ayo mahugurwa kugirango bagaragaze imbaraga bakoresheje kandi bishimire ibyo bagezeho. Muri icyo gihe abandi bantu bazishimira icyo gikorwa kandi bituma bahavana isomo.

N.B: Nyuma yo guhabwa impamyabushobozi:

P-FFS ntabwo irangirana no guhabwa impamyabushobozi, nk'ibindi byose, itsinda rikeneye kugira amahugurwa menshi, ku bikorwa basanganwe cyangwa ku bindi byihariye. Ariko gahunda n'ibikorwa biratandukanye n'uburyo bwo kubikora bigendera ku burambe bw'itsinda ndetse n'uburyo batanga amasomo bigishijwe.

9. GUKURIKIRANA IBIKORWA BY'ISHURI RY'ABOROZI B'INGURUBE MU KIRARO (P-FFS)

Ku musozo w'igihe cy'amasomo na nyuma y'umunsi wo guhabwa impamyabushobozi, imirimo y'itsinda ikomeza gukurirana bisanzwe. Kubufasha bw'umufashamyumvire, Itsinda rigenzura kandi rigashyiraho igenamigambi hagendewe kubyo bize ndetse nibyo babura. Amasomo mashya (Amasomo atandukanye cyangwa gucukumbura cyane amasomo y'umwihariko), gushyira mu bikorwa imirimo ibyara inyungu, igahuzwa n'ubushakashatsi, abamamaza bworozi n'abagize itsinda bateganiye. Mu bihe byinshi, umworozi umwe ashobora kuba umufashamyumvire.

Ubufasha cyangwa impano ntibiboneka buri gihe mu gukurikirana ishyingirwa mu bikorwa rya P-FFS gusa bishobora kugarukira ku borozi batishoboye mu gace. Abagize itsinda bajya inama yo gutegura icyo bakora kibabwirira amafaranga azajya abafasha. Itsinda ryishakamo ubushobozi bwo gukora bashobora kubona inguzanyo cyangwa ubufasha buturutse mu bikorera.

10 GUSHYIRAHU UBURYO BWO GUHANA AMAKURU MU ISHURI RY'ABOROZI

Iyo hari amatsinda menshi ya P-FFS mu gihugu, uburyo bwo guhanahana amakuru bugomba gushyigikirwa. Ni uburyo burambye bufasha ibikorwa nzahura bukungu bukanatera inkunga amatsinda asanzweho n'amashya. Bituma habaho guhahirana ku bagize amatsinda ya P-FFS. Bigafasha mu gukusanya amafaranga akenerwa no guhuza ibikorwa biyanye n'amasoko.

AMAZINA Y'ABAFASHAMYUMVIRE BAKURU MU BWOROZI BW'INGURUBE

#	AMAZINA YOMBI	TELEPHONE	AHO AKORERA	INSHINGANO
1	Dr. HIRWA Claire d'André	0784824250	RAB/Songa station	Senior Research Fellow
2	MUTABAZI Jules	0788525746	RAB/Nyagatare station	Associate Research Fellow
3	Dr. SHYAKA Innocent	0788857504	Umucyo Vet Consult Ltd	Managing Director
4	GASANA Joseph	0785316098	RAB/Nyagatare station	Research Technician grade 4
5	SHIRIMPUMU Jean Claude	0788590416	Vision Agribusiness Farm Ltd	Managing Director
6	BAMPIRIYE Evelyne	0788846519	RAB/Rubona station	Semen quality insurance technician
7	SEMAHORO Fabrice	0788757636	RAB/Songa station	Senior Research Technician
8	NTEZIYAREMYE Vedaste	0788652993	RAB/Rubona station	Research technician grade 2
9	NYIRANSENGIMANA Eugénie	0788461178	RAB/Musanze station	Associate Research Fellow
10	KAYITESI Aline	0788469897	RAB/Songa station	Associate Research Fellow
11	UWIMANA Gaspard	0788473440	RAB/Songa station	Research Fellow
12	NIYIREBA Remy Titien	0788437825	RAB/Rubona station	Assistant Research Fellow
13	SAFARI Sylvestre	0789095332	RAB/Rubilizi station	Associate Research Fellow
14	Dr. AMAHORO Elyse	0788582906	RAB/Rubona station	Semen collection analysis technician
15	NDAYAMBAJE Alexis	0788898621	Vision Agribusiness Farm Ltd	Operation manager
16	MUKAKALISA Christine	0787600063	RAB/Nyagatare station	Research technician grade 2



REPUBLIKA Y'U RWANDA IKIGO CY'IGIHUGU GISHIZWE GUTEZA
IMBERE UBUHINZI N'UBWOROZI (RAB)